



MINISTRE DE LA JEUNESSE
DE LA CULTURE, DES SPORTS
ET DE LA FORMATION
PROFESSIONNELLE
B.P. 1044 KIGALI

Compte-rendu

Kigali, le 26/12/1997

N° 1125/21.00

Ku Munyamabanga Mukuru muri Minisiteri
y'Urubyiruko, Siporo, Umuco no Kwigisha
Imyuga Iciriritse

**IMPAMVU: INYANDIKO-MVUGO Y'INAMA Y'UBUYOBOZI
BWA MINISITERI (IBARUWA N°992/21.00 YO
KUWA 29/08/97**

Bwana Munyamabanga Mukuru,

Inyandiko ivugwa hejuru yangezeho.

Imyanzuro mwagezeho ikwiriye gushyirwa mu bikorwa bidatinzwe kandi bigakurikiranwa. Nkaba nsab'abayobozi bose kumva iryo hame.

Ku buryo bw'umwihariko ibi bikwiriye kwitabwaho:

1. Gukoresha ingengo y'imari ya 97. Ibyo nari nabisabye abayobozi bose mw'ibaruwa yanjye n° 817/21.00 du 23/07/97 Uretse ubuyobozi bwa Siporo bwabyerekanye, nta bindi birangezwaho.

2. Gutegura ingengo y'imari ya 98

Uyu mwaka Minisiteri yacu isa n'iyatunguwe. Ko tubitekereje hakiri kare, ntituzongere gutungurwa. Gutegura ingengo y'imari ntibigombe guharirwa DAAF kuko siwe ushinzwe kugena no gukurikirana inshingano z'amashami y'ubuyobozi bwa Minisiteri. Amashami kandi y'ubuyobozi agomba kwivugurura ntahore ategura ingengo y'imari nk'aho ari ugufata photocopie y'ibyakozwe kuva u Rwanda rwahangwa na Gihanga.

3. Iminota 60 yo kuri radio

Iyi minota ikwiriye gukoreshwa kandi ibyo yakora ntibibuze. Usang'abanyamakuru aribo bafata iyambere mu gukora gahunda zagakozwe na Minisiteri. Iyaba byibuze hari n'ubufatanye ku buryo bw'umwihariko mbona ubuyobozi bushinzwe Umuco n'Urubyiruko bwagiriw'akamaro n'iriya minota.

Tutibagiwe ko abashinzwe kwamamaza Umuco w'Amahoro ndetse na Commission ishinzwe Inyibutso z'Itsemba-tsemba n'Itsembabwoko zikeneye uriya mwanya. Ubwo birasaba kubihuza bigahita bishyirwa mu bikorwa.

4. Plan d'action

Plan d'action ya buri buyobozi n'imbonerahamwe yazo nayo yari ikwiriye kwihutishwa.

Imirimo myiza.

BIMENYESHEJWE:

Umuyobozi wa Département (bose)

Sport

Minisitiri w'Urubyiruko, Siporo
Umuco no Kwigisha Imyuga (CIRITSE)

Dr. Yakobo BIHOZAGARA

